# UKURI KU BANTU BABANA BAHUJE IBITSINA MU RWANDA N'IBYIFUZO BYABO

RAPORO ICUKUMBUYE




medicusmundi bizkaia

ALDARTE

ARDE / KUBAHO

GARAPENERAKO LANKIDETZAREN EUSKAL AGENTZIA
AGENCIA VASCA DE COOPERACIÓN PARA EL DESARROLLO

EUSKO JAURLARITZA
GOBIERNO VASCO

LG D 01076-2023

UMUTWE: UKURI KU BANTU BABANA BAHUJE IBITSINA N'IBYO BAKENEYE MU RWANDA. RAPORO ICUKUMBUYE

BYAKOZWE N' ITSINDA RIGIZWE NA: ARDE/KUBAHO, ALDARTE NA MEDICUSMUNDI BIZKAIA NA ARABA

Mutarama 2023, Kigali, Gisenyi, Bilbao

Ku bufatanye n' IKIGO CY'UBUFATANYE MU ITERAMBERE CYA BASQUE

FEMGARABAT

# UKURI KU BANTU BABANA BAHUJE IBITSINA MU RWANDA N'IBYIFUZO BYABO

RAPORO ICUKUMBUYE

01 **ILIBURIRO** 8

02 **IMURIKA RYA RAPORO** 10

03 **IBYEREKERANYE N'U RWANDA** 12

- MU RWEGO RWA POLITIKI 13
- MU RWEGO RW'UBUKUNGU 13
- MU RWEGO RW'AMATEGEKO 14
- MU RWEGO RW'IMIBEREHO N'UMURYANGO 14
- MU RWEGO RW'IYOBOKAMANA 15

04 **UBURYO BUSHINGIYE KU BITEKEREZO : *Ababana bahuje ibitsina mu Rwanda*** 16

- Iliburiro 16
- Nko kwitwara neza bidahinduka 17
- Nk'uburyo bwo gukora ibiganiro no guhangana n'amategeko y'iburengerazuba ku butandukane bw'mibonano mpuzabitsina 19

05 **UBURYO BWAKORESHEJWE** 20

- Igice cya 1: Gutegura akazi kazakorwa ahantu hatandukanye 20
- Igice cya 2: Akazi ahantu hatandukanye 23
- Igice cya 3: Gusesengura amakuru yabonetse no gukora raporo icukumbuye y'ubushakashatsi 24

06 **UMWIRONDORO W'ABANTU BAGIZE URUHARE MURIN IRI CUKUMBURWA MURI IYI RAPORO Y'UBUSHAKASHATSI** 25

- Ababana bahuje ibitsina basubije hakoreshejwe ikoranabuhanga 25
- Imiryango n'amahururo bagize amatsinda y'abatangabuhamya mu biganiro n'abantu ku giti cyabo 26

07 **UBUSESENGUZI KU BIBAZO BY'ABABANA BAHUJE IBITSINA N'IBYO BAKENEYE MU RWANDA** **27**

Uko ababana bahuje ibitina babayeho muri rusange 27

Kutagararaga kw'ababana bahuje ibitsina 31

Kubaho k'Urwikekwe imyumvire n'imvugo mbi ; Ubutandukane e bw'imico n'igitsina nka kirazira 33

Ivangura-Ihohoterwa rikorerwa ahantu hatandukanye 34

Ihohoterwa rigaragara 38

Urwego rwa polisi ruti: «Simbizi», «nta makuru tubifiteho» 39

Uburyo bwo kwishyira hamwe/Kutabaho kw'amashyirahamwe y'ababana bahuje ibitsina 40

Imbwirwaruhame zihembera urwang: Ni bande bazitiza umurindi? 42

08 **AHAZAZA** **43**

09 **IMYANZURO ISHINGIYE KU BITEKEREZO BIHURIWEHO** **44**

KU BABABANA BAHUJE IBITSINA 44

KUBIREBANA NO KWIHA GAHUNDA Y'IMIBEREHO 45

10 **IBITABO BYIFASHISHIJWE** **47**

11 **IMIGEREKA** **48**

UMUGEREKA 1: INYANDIKO Y'IBIBAZO HAKORESHEJWE IKORANABUHANGA 48

UMUGEREKA 2: IBISUBIZO KU BIBAZO BYABAJIJWE 49

UMUGEREKA 3: IKIGANIRO N'ABABANA BAHUJE IBITSINA 53

UMUGEREKA 4: IKIGANIRO N'ABATARI ABABANA BAHUJE IBITSINA 55

UMUGEREKA 5: IKIGANIRO N'IMIRYANGO N'IBIGO BINYURANYE 56

UMUGEREKA 6: IBIBAZO BYIHARIYE KURI ABO BOMBI 57



# 01

## ILIBURIRO

U Rwanda rufite ibibazo by’ingutu mu rwego rw’uburenganzira n’uburinganire ku Ihuriro ry’abantu babana bahuje ibitsina LGBTIQ+. N'ubwo igitabo cy'amategeko ahana kidateganya ibihano ku bikorwa by'imibonano mpuzabitsina cyangwa imibonano mpuzabitsina ku bahuje ibitsina, n’ubwo kandi Itegeko Nshinga rishyigikira uburinganire n'ubwuzuzanye ku bitsina byombi rikanabuza ihezwa, n’ubwo Igihugu cyashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga yo kurengera uburenganzira bw’ababana bahuje ibitsina, ihuriro ryabo riracyafite ikibazo cyo kwakirwa no kwemerwa mu muryango nyarwanda no kubura amategekop abarengera muri iki gihugu cyimisozi igihumbi.

U Rwanda rufite ubwinshi bw’abaturage kandi rugizwe n’ibice bibiri by’ingenzi birimo ababa mu mugi n’ababa mu cyaro. Mu muco w’igihugu cy’u Rwanda, ubumwe bw’umuryango bugize agaciro kingenzi mu mibanire kandi ni muri urwo rwego ihuriro ry’ababana bahuje ibitsina bahura n’ivangura rikomeye. Mu rwego rw’amadini, cyane cyane imigenzo ya gikristo, imyizerere y’amadini n’abayobozi bigira ingaruka ku bitekerezo rusange mu gutuma habaho imyitwarire yo kwihunza ababana bahuje ibitsina. Ku bijyanye n'uburezi, umubare w'abagana ishuri ni mwinshi, ariko kubyara imyifatire n'ingaruka zo kwangwa no guhezwa kw’ihuriro ry’ababana bahuje ibitsina birakomeje.

Muri urwo rwego, iyi raporo y'ubushakashatsi irerekana isesngura rigufi ry'uko ababana bahuje ibitsina babayeho mu Rwanda. Akaba ari kimwe mu bice bigize umushinga witwa" Gukora impinduka mu kurwanya ihohohoterwa mu mibanire y'abantu, mu butandukane bushingiye ku kuba abantu badakora cyangwa ngo bumve kimwe imibonano mpuzabitsina, kudahuza igitsina, haba mu rwego rw'uburezi, ubuzima ndetse na kaminuza hakurikijwe intumbero akarere ndetse n'isi byihaye kugeraholcyiciro cya II "cy'umushinga medicusmundi Bizkaia, cyatewe inkunga n'ikigo cy'ubufatanye mu iterambere cya Basque kigamije guteza imbere inzira yo guhindura imibereho himakazwa uburyo bwo gukora isesengura mu rwego rw'uburezi muri za kaminuza, ubuzima n'imibanire

Intego yuwo mushinga ni ugukemura ibibazo birebana n'ihohoterwa, ibikorwa bisesereza n'urwango bikorerwa ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina duhereye ku ntumbero y'abaharanira uburenganzira n'uburinganire bw'ibitsina n'urunyurane rw'ibibagize n'ibibaranga. Iyo ntumbero igaharanira uburenganzira bwa muntu binyuze mu nzira eshatu z'ingenzi:

1. Guhuriza hamwe ubumenyi bwimbitse ku ihohoterwa rishingiye ku bimenyetso n'ubunyurane bw'imibonano mpuzabitsina mu mashuri na kaminuza, harwanywa imyumvire mibi no guteza imbere uburezi budaheza.
1. Guhuriza hamwe ubumenyi bwimbitse ku ihohoterwa rishingiye ku bimenyetso n'ubunyurane bw'imibonano mpuzabitsina mu rwego rw'ubuzima binyuze mu kongera ubushobozi n'ubundi buryo bwo kubaho bitewe n'igihe.
1. Gushyiraho ahantu hanyuranye hatangirwamo ubumenyi, gukeburiramo abantu no kungurana ibitekerezo ku butandukane bw'mibonano mpuzabitsina n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ibyo bigakorwa hashyirwaho inzego mu bihugu bikize n'ibikennye kugirango habeho amahuriro y'ubufatanye.

Muri iyi raporo, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyi ntumbero, **medicus**mundi Bizkaia yibanze mu guteza imbere impinduka zishingiye ku mibanire binyuze mu gutekereza cyane, kubahiriza uburenganzira bwa muntu no ku bitekerezo by'abaharanira uburenganzira bw'abagore no ku runyurane rw'ibibaranga.

Muri uru rwego rw'ibikorwa, ubushakashatsi ku kuri ku mibereho y'ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina mu Rwanda rigamije gutanga umusanzu mu gutanga ibitekerezo bishobora guhindura politiki, kwamagana no gushyiraho imahuriro ashyigikira umuryango udaheza kandi wubaha ubutandukane bw'imibonano mpuzabitsina n'ubutandukane bw'itsina.

Hasuwe ahantu hatandukanye mu Rwanda kugira ngo hakorwe raporo y'ubushakashatsi ikubiye mu mapaji ari imbere. Uburyo bwakoreshejwe bushingiye ku gukoresha urupapuro rw'ibibazo, ibiganiro mbonankubone

n'ibiganiro mu matsinda bikaba byarakozwe n'umufatanyabikorwa ARDE/ KUBAHO ku bufatanye na ALDARTE, MEDICUSMUNDI BIZKAIA NA MEDICUSMUNDIARABA.

Iyi raporo y'ubushakashatsi iradufasha kureba ishusho y'ibanze y'imibereho y'iryo huriro mu Rwanda binyuze mu gusobanura ibibazo nyamukuru bahura nabyo. Umuryango w'ababana bahuje ibitsina mu Rwanda ukorerwa ivangura rikomeye, ntabwo urindwa mu by'ukuri kandi uburenganzira bwabo bwo kubaho mu buzima bwubashywe kandi buzira umuze burabangamirwa. Kutagaragara no kubura inkunga y'imiryango n'ibintu bibahangayikishije kandi bigira ingaruka kuri aba bantu.

Benshi muri bo bahitamo kutamenyekana kubera gutinya gukorerwa ivangura n'ihohoterwa. Ibi nibyo bibuza gushinga amashyirahamwe no kunga ubumwe ihuriro ryabo.

Raporo iragaragaza kandi ko hariho urwikekwe ndetse n'imyumvire mibi ishingiye ku muryango w'u Rwanda, bifitanye isano cyane cyane n'ibibazo by'umuco n'amadini bitera imyumvire yo kwangirwa ihuriro. Ibi byose byatumye haba urwego rwo hejuru rw'ivangura n'ihohoterwa mu muryango, mu baturage ndetse no mu kazi.

Hanyuma, iyi raporo y'ubushakashatsi iributsa ko ari ngombwa kumva itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina no ku gitsina mu muryango nyarwanda, hatabayeho gushyiraho amategeko ashingiye ku mico y'iburengerazuba no guteza imbere uburyo bw'iwacu dusanzwe dukoreramo ndetse n'ubw'ahandi kugira ngo habeho impinduka mu mibanire.

Muri iyi raporo harimo amajwi n'ibyifuzo byatanzwe n'iri huriro ryo mu Rwanda kugira ngo barusheho kuzamura imibereho yabo binyuze mu kubahiriza uburenganzira bwabo, gushinga amashyirahamwe abarengera, kugira uruhare muri politiki, no gukangurira abaturage bo mu Rwanda kugira ubumenyi no guhindura imyumvire ku butandukane bw'imibonano mpuzabitsina n'ubutandukane bw'ibitsina, ihohterwa rishingiye ku bikorwa bisesereza n'urwango bikorerwa ababana bahuje ibitsina.

# 02

# IMURIKA RYA RAPORO

Iri sesengura riri mu mushinga witwa **"Gukora impinduka mu kurwanya ihohohoterwa mu mibanire y'abantu, mu butandukane**

**bushingiye ku kuba abantu badakora cyangwa ngo bumve kimwe imibonano mpuzabitsina, kudahuza igitsina, haba mu rwego rw'uburezi, ubuzima ndetse na kaminuza hakurikijwe intumbero akarere ndetse n'isi byihaye kugeraho.**

Umushinga wo kwigisha hagamijwe impinduka mu mibereho uterwa inkunga n'ikigo cy'ubufatanye mu iterambere cya Basque kigamije guteza imbere inzira yo guhindura imibereho himakazwa uburyo bwo gukora isesengura mu rwego rw'uburezi muri za kaminuza,ubuzima n'imibanire hagamijwe gukemura ibibazo birebana n'ihohoterwa, ibikorwa bisesereza n'urwango bikorerwa ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina duhereye ku ntumbero y'abaharanira uburenganzira n'uburinganire bw'ibitsina n'urunyurane rw'ibibagize n'ibibaranga. Iyo ntumbero igaharanira uburenganzira bwa muntu binyuze mu nzira eshatu z'ingenzi:

- Guhuriza hamwe ubumenyi bwimbitse ku ihohoterwa rishingiye ku bimenyetso n'ubunyurane bw'imibonano mpuzabitsina mu mashuri na kaminuza, harwanywa imyumvire mibi no guteza imbere uburezi budaheza.
- Guhuriza hamwe ubumenyi bwimbitse ku ihohoterwa rishingiye ku bimenyetso n'ubunyurane bw'imibonano mpuzabitsina mu rwego rw'ubuzima binyuze mu kongera ubushobozi n'ubundi buryo bwo kubaho bitewe n'igihe.
- Gushyiraho ahantu hanyuranye hatangirwamo ubumenyi, gukeburiramo abantu no kungurana ibitekerezo ku butandukane bw'mibonano mpuzabitsina n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ibyo bigakorwa hashyirwaho inzego mu bihugu bikize n'ibikennye kugirango habeho amahuriro y'ubufatanye.

Ni mu rwego rw'iyi nzira ya nyuma hatekerejwe gukora isesengura ryakorewe mu Rwanda ari naryo tugaragariza ibyarivuyemo by'ibanze. Iri sesengura ryakozwe n'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ARDE/KUBAHO ku bufatanye na medicusmundi Bizkaia Aarba na ALDARTER

Turashimira abantu bose, imiryango n'inzego zagize uruhare muri iki gikorwa ku bw'igihe n'ubushake bwabo kuko iri cukumbura ritari gushoboka iyo batabigiramo uruhare.



# 03

## IBIJYANYE N'U RWANDA

U Rwanda ni igihugu giherereye mu biyaga bigari bya Afurika, umurwa mukuru ni Kigali. Ni kimwe mu bihugu bituwe cyane ukurikije umubare w'abaturage bo mu karere ka Afurika.

Nubwo amateka y'iki gihugu akunze gufatira kuri genocide yakorewe abatutsi mu 1994, abaturage bo mu Rwanda babanaga neza mbere y'abakoloni, bigabanyijemo amoko atatu hashingiwe kumibereho yabo (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa). Ibihugu by'akoloni byagabanije abaturage b'abanyarwanda mu byiciro bitatu ari nako byahawe inzego z'ubutegetsi n'ububasha butandukanye. Uko kubaremamo ibice bitandukanye byateje amakimbirane ya politiki ashingiye ku moko muri Repubulika ya mbere (1961 - 1973), Repubulika ya kabiri (1973 - 1994) no mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi.

Genoside yakorewe abatutsi mu 1994 yatumye abantu benshi babura ubuzima bwabo. Ku buryo abantu barenga miliyoni bishwe.

## MU RWEGO RWA POLITIKI

Politiki y'u Rwanda iriho ubu ishingira ahanini ku ngaruka za jenoside yo mu 1994 ndetse n'umutekano muke wo mu karere k'ibiyaga bigari. Mu matora ya perezida aheruka kuba mu 2017, Perezida uriho ubu, Paul Kagame, wo mu ishyaka rya "Rwanda Patriotic Front", yongeye gutorwa ku bwiganze bw'amajwi kuri manda ya gatatu. Yakomeje kuyobora igihugu kuva yatorwa mu 2003. Byongeye kandi, itegeko nshinga ry'u Rwanda riharanira ihame ry'uburinganire muri politiki, kandi ni ngombwa gushimangira ko 61% by'abadepite ari abagore.

Mu mwaka wa 2016, mu ruzinduko rwa Perezida w'u Rwanda Paul Kagame muri Amerika, abanyamakuru baboneyeho umwanya wo kubaza igitekerezo cye ku burenganzira bw'ababana bahuje ibitsina mu gihugu cye. Yashubije muri aya magambo: "*Ibi ntibyigeze bitubera ikibazo kandi nta ntego dufite yo guhindura iyi ngingo mo ikibazo. Kugeza ubu, turarwana no gushaka ibisubizo by'ibibazo byinshi. Kandi nkuko nabivuze, turashaka ko abantu bose babigiramo uruhare. Ibi bivuze ko twifuza gufashanya. Ibi bizadufasha kugira ngo abantu bose babane neza.*"[1]

## MU RWEGO RW'UBUKUNGU

Hariho ubusumbane bukabije bw'imibereho iterwa na politiki nshya y'ubwisanzure mu bukungu no gushora imari nta nkomyi, yemejwe na guverinoma yu Rwanda. Mu mwaka wa 2021[2], Impuzandengo y'amafranga igihugu cyinjizaga buri mwaka ni € 704 euros kuri buri muntu. Ikigereranyo rusange cy'abagore binjiza 61% ugereranyije n'abagabo[3]. 38.2% by'abaturage baba munsi y'umurongo w'ubukene[4]. Benshi mu baturage bo mu Rwanda batunzwe n'ubuhinzi n'ubworozi, bikaba ahanini ari ibikorwa bakora kugira ngo babashe kwibeshaho.

## MU RWEGO RW'AMATEGEKO

Amategeko ahana mu Rwanda ntateganya igihano icyo ari cyo cyose ku bakora imibonano mpuzabitsina yumvikanyweho hagati y'abantu bahuje igitsina. Igihugu kigengwa n'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 (ryavuguruwe mu 2015), ingingo ya 15 n'iya 16 muri zo zigaragaza uburinganire bw'abaturage b'u Rwanda

---

1 L'homosexualité n'est pas la préoccupation du mandat », selon le président Paul Kagame - Association STOP HOMOPHOBIE | Information - Prévention - Assistance aux victimes

2 Rwanda : Économie et démographie

3 Rwanda-Rentes femmes

4 Banque mondiale-Rwanda Country Profile 2021

imbere y'amategeko. Izo ngingo zivuga ko *"'Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana. Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'imibereho, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko.*

Mu mwaka wa 2011, Guverinoma y'u Rwanda yashyize umukono ku itangazo ry'umuryango w'abibumbye ryamagana ihohoterwa rikorerwa ababana bahuje ibitsina. Yashyize umukono kandi ku masezerano nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'abaturage.

## MU RWEGO RW' IMIBANIRE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE

U Rwanda ni kimwe mu bihugu bituwe cyane ukurikije umubare w'abaturage muri Afurika. Ubwo bwinshi bw'abaturage butuma habaho guhinga cyane bityo ubutaka bukabura. Ubucucike bw'abaturage n'ubuhinzi bukabije no kubura ubutaka bwo guhinga, bigira ingaruka ku biribwa, kubangamira ishyirwa mu bikorwa ry'isuku n'isukura ndetse n'ubuziranenge bw'amazi.

Sosiyete nayo ahanini igizwe n'icyaro : 82.7% by'abaturage baba mu cyaro na 17.3% mu mujyi. Byongeye kandi, abagore bahura n'ibibazo byinshi by'ihohoterwa n'ivangura mu cyaro, nubwo goverinoma igenda ishyira imbara kukugira uburenganzira bungana k'umutungo w'umuryango nk'ubutaka hagati y'umugabo n;umugore. Bafite kandi ingorane nyinshi zo kubona ubwigenge mu micungire y'amafranga ugereranije n'abagore baba mu mugi.[5]

Umuryango w'u Rwanda waranzwe cyane n'ubukoloni (harimo n'ubukoloni bushya), kwagura amatorero atandukanye ndetse na jenoside yakorewe abatutsi muri 1994.

Ubumwe bw'umuryango cyangwa inzu ni agaciro k'ingenzi k'umuco w'igihugu, kubera ko umuryango abantu bamaze gushyingirwa. Kugira ababakomokaho bifatwa nk'inshingano z'ingenzi mu mibereho zikifitemo ibisigisigi by'ubukoloni n'idini.

U Rwanda rufite umubare munini w'abanyeshuri kubera ko kwiga mu mashuri abanza n'imyaka ya mbere y'amashuri yisumbuye ari ubuntu kandi ni itegeko. Icyakora, hari icyuho cyo kubona uburezi hagati y'abatuye mu cyaro no mu migi, ibyo bikaba bikabije cyane ku bagore. 64.7% by'abagore bafite imyaka

---

5 http://www.pensamientocritico.org/ruanda-una-utopia-feminista/



15cyangwa irenga bazi gusoma no kwandika ugereranije na 76.3% by'abagabo[6]. Icyakora, hari icyuho cyo kubona uburezi hagati y'abatuye mu cyaro no mu migi, ibyo bikaba bikabije cyane ku bagore. 64.7% by'abagore bafite imyaka 15 cyangwa irenga bazi gusoma no kwandika ugereranije na 76.3% by'abagabo[7].

Nubwo u Rwanda rwabaye ikitegererezo mu kwemeza amategeko y'uburinganire, mu bigaragara nuko bamwe mu muryango mugari bakomeza gukora ibikorwa bihohotera bandi kandi ukagendera ku myumvire y'abakurambere.

## MU RWEGO RW'IYOBOKAMANA

Idini rya gikristo ryinjiye cyane mu myizerere y'Abanyarwanda. Abenshi mu baturage (56%) ni abayoboke b'idini Gatolika, bagakurikirwa n'abaporotesitanti (37.7%), Abadiventisti (11.8%) ndetse no ku rugero ruto idini ry'abayisilamu hakaza Abahamya ba Yehova ndetse n'abantu badahuje idini.

Binyuze mu bitekerezo rusange, ishingiro ry'amadini ritera ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu mibereho na politiki muri iki gihugu cy'imisozi igihumbi.

Mu 2007, musenyeri mukuru w'itorero ry'Abaperesibiteriyani mu Rwanda yavuze ko kuryamana kw'abahuje igitsina ari *"jenoside yakorewe umuco w'u Rwanda, kubera ko imibonano mpuzabitsina igomba kubaho gusa mu ishyingiranwa hagati y'umugabo n'umugore"*[8].

*"Gutangaza amagambo nk'aya bifite ingaruka zo gusubiza rudubi imibereho y'ababana bahuje ibitsina cyane ko bashinjwa gukurura ibyago n'imivumo, kutagira umuco, no kutagirana isano n'umuco w'u Rwanda".*

6 https://es.frwiki.wiki/wiki/Rwanda#Femmes
7 https://hmong.es/wiki/LGBT—rights—in—Rwanda
8 https://hmong.es/wiki/LGBT_rights_in_Rwanda

# 04

# UBURYO BUSHINGIYE KU BITEKEREZO : *Ababana bahuje ibitsina mu Rwanda*

## ILIBURIRO

Ubu bushakashatsi bwakorewe mu Rwanda bwerekanye amahirwe akomeye yo kurema isano hagati y'imiryango ibiri, umwe wo mu gihugu dukoreramo mu Rwanda (ARDE / KUBAHO) n'undi ukomoka i Bilbao (ALDARTE), utari kuzigera ubaho iyo bitaza guhurira ku nyungu rusange yo gukora ubushakashatsi ku bunyurane bw'imibonano mpuzabitsina n'ubw'ibitsina muri iki gihugu.

Twashimangira kandi ko iki gikorwa kitari gushoboka iyo medicusmundi Bizkaia na Araba bataza kukiba hafi cyane.

ALDARTE ni umuryango ukora ibikorwa byibanda ku butandukane bw'imibonano mpuzabitsina n'ibitsina ubwabyo (aribyo byitwa DSG mu mpine).

Benshi mu bantu bagize uyu muryango ni abayoboke b'ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina. Naho ARDE / KUBAHO, intego nyamukuru yayo ni uguteza imbere uburenganzira bwa muntu binyuze mu kubona amazi, kwihaza mu biribwa, ubuhinzi burambye, kubungabunga ibidukikije, kwishyira ukizana kw'abagore muri koperative, Ubuyobozi bw'abaturage, ubushakashatsi n'uburezi.Mu gihe yatekerezaga gukora ubu bushakashatsi, uyu muryango ntiwari warigeze ukora umushinga ufatanije n'ihuriro LGTBIQ + kuko nta makuru mpamo wari ufite ku bantu babana bahuje ibitsina.

Igihe abantu bo mu itsinda rya ARDE / KUBAHO batangiraga gutegura akazi ko kumanuka mu misozi kugira ngo bakore ubushakashatsi, bamenye ko bafite ikibazo cyo kumva icyo bise "*URUBANZA*", ari yo euphemisme yakoreshejwe n'umuryango mu kwerekana icyo bita muri Bilbao ukuri ku babana bahuje ibitsina n'inshoza yayo. Nkuko bwari ubwa mbere iyi nsanganyamatsiko y '"ikibazo" iganirwaho mu itsinda, bagaragaje ko bafite imyumvire itandukanye ku busobanuro bw'uku kuri ku babana bahuje ibitsinai. Ibyo byerekanye ko harimo icyuho mu kubyumva kimwe.

Abantu bagize uruhare muri iki gikorwa cyo gucukumbura basanze uburambe bwabo butari buhagije kugirango bagere ku rwego rukenewe rwo gutekereza. Rero, bagombaga guhindura imyumvire yabo bayiganisha ku cyerekezo

rusange kugirango babashe gukora nk'itsinda hasjhingiwe ku bunararibonye bwabo. Abantu bari muri iki gikorwa bagombye kwikuramo za kirazira zabo n'imyumvire mibi imwe n'imwe ku bandi bantu. Muri rusange, basanze hari ukudasobanukirwa neza ukuri kandi ko byari ngombwa gusobanukirwa hamwe kugirango bakore ubucukumbuzi. Kugirango babigereho, bagiranye ibiganiro byinshi kugirango basobanukirwe neza n'ukuri kw'ikibazo". Bashakishije amakuru basoma inyandiko nyinshi zerekeye abantu babana bahuje ibitsina bifuzaga kuganira n'abo.

Ijambo ryakunze gukoreshwa mu Rwanda n'abantu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina ni" Umusangirangendo", rishobora guhindurwa mu gifaransa nka "compagnon de voyage" Nyamara ijambo "ikibazo (affaire)" ni ni imvugo yoroheje yatoranijwe nabagize itsinda ARDE / KUBAHO kugirango bavuge ukuri kwagoranye kuvugwaho kandi abantu bakuzi kandi bakaba na nubu batinya kukuvuga. Birashoboka kumva ikoreshwa ryiri jambo mu buryo butandukanye, ariko ntabwo ntabwo byanze bikunze buvuguruzanya:

## NKO KWITWARA NEZA BIDAHINDUKA

Kwita uko kuri "*ikibazo*" bishobora kwerekana kubangamirwa mu gihe umuntu atangaje mu magambo ahinnye ababana bahuje ibitsina (LGTBIQ+). Ibi byaba ari uguhunga kutavuga weruye amagambo nk'abatinganyi, abaryamana bahuje ibitsina, igitsina cyangwa imibonano mpuzabitsina.

Uku kubangamirwa kugaragara mu gushaka kwitwara neza kandi kudahinduka k'umuryango nyarwanda. Izi akaba ari ingaruka z'ubukoloni muri Afurika, bwashyizeho mu bryo bw'ubugome no gutegekesha igitugu, ubuzima bushingiye ku myizerere mishya no ku madini ya kiyahudi na gikirisitu.

Ingaruka z'iri shyirwaho ry'ubuzima buteye gutyo ku gahato ni ukuvanaho inzego no ugusenya indangagaciro z'abasekuruza b'abaturage bo ku mugabane wa Afurika, kubaka ibyifuzo bibujijwe no gushyiraho ku mbaraga gahunda y'abakurambere yo gukundana kw'abadahuje ibitsina.

Abakoloni bashyizeho amategeko yabo ku byaha by'ubusambanyi n'ibyaha by'ubutinganyi n'ibindi byaha bidasanzwe muri Afurika kandi kugeza na n'ubu aracyakurikizwa mu bihugu bimwe na bimwe bya Afurika.

Umwanditsi Rubio Llona yagize ati: " *Kwanga abaryamana bahuje igitsina ni inkuru ishaje kandi, usibye imico imwe n'imwe, dushobora kwemeza ko ari inkuru ya kera yo mu Burayi (Rubio Llona, 2017)*[9]. Nk'uko uyu mwanditsi abitangaza,

9 Rubio Llona, Aimar, (2017) Homophobie d'État et diversité sexuelle en Afrique Histoire d'un combat, Institut d'Études sur le Développement et la Coopération Internationale, Cahiers de travail / Lan-Koadernoak • Hegoa, n_ 73.

impamvu zatumye habaho urwango ku babana bahuje ibitsina mu nzego zose muri afurika, cyane cyane mu Rwanda, zigomba gushakirwa muri uko kwamagana itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina, ku bishyira mu mategeko, ndetse no mu bakozi bakomeye bashyira imbere imyitwarire irangwa n’urwango no guhigika ababana bahuje ibitsina mu Rwanda ari ibigo bya leta ubwabyo, abayobozi b’amadini n’itangazamakuru.

Niba dushaka kuvuga ku rwango rukorerwa abahuje ibitsina muri Afurika, tugomba kureba mu gihe cyahise, bityo, tukagaragaza uruharerw’ abakoloni b'Abanyaburayi mu kwaguka no kwemerwa (Rubio Llona, 2017). Ubukoloni bushingiye ku kwigisha imyitwarire muri Afurika ku bijyanye n’ubunyurane bw’mibonano mpuzabitsina buracyakomeza.

Kuba abaturage bamagana ubutandukane bw’ imibonano mpuzabitsina mu Rwanda bishishikariza abaturage benshi kwiyumva nkabagomba kubana badahuje ibitsina kubera ko kuryamana kw'abahuje igitsina ari kirazira ikomeye ijyanye no guta umuco, gusuzugura abanyaburayi kandi bikaba bikurura iseserezwa rikomeye.

Abantu bakora imibonano mpuzabitsina n’abandi bahuje igitsina barangwa cyangwa bakanengwa. Imyitwarire yabo isobanurwa nk’icyaha kandi ntifite indangagaciro z'umuco nyarwanda.

## NK’UBURYO BWO GUKORA IBIGANIRO NO GUHANGANA N’AMATEGEKO Y’IBURENGERAZUBA KU BUTANDUKANE BW’MIBONANO MPUZABITSINA

Nyuma yo gushyiraho uburyo bubereye buri wese bwo guhanahana amakuru, ibiganiro ku kuri kw"ikibazo" byaragaragaye mu itsinda rya ARDE/KUBAHO.



Abari muri ibyo biganiro noneho bageze aho bumva kimwe insanganyamatsiko yubutandukane bw'imibonano mpuzabistina y'abahuje ibitsina n'igitsina. Kubera iyo mpamvu, biyumvisemo akanyabugabo bashobora kwigaragaza bakomeye mugihe bagiye hanze, guhura nabandi bantu bazagira uruhare runini mu gukora ubucukumbuzi bashakaga gukora no gutangira akazi mu misozi.

ALDARTE nk'umuryango wo mu bihugu byo mu majyaruguru, yakomeje gushyigikira ARDE/KUBAHO kuva yatangira iki gikorwa, yirinda gushyiraho amategeko y'iburengerazuba ku byo abantu bamenyereye ku imibonano mpuzabitsina no ku gitsina.

Inkubiri ku isi yo kumva ko abantu bafite ibibaranga bimwe no guharanira uburenganzira bw'ababana bahuje ibitsina bigenda byiyongera ku mbaraga, ariko bivuye ku cyerekezo cy'ibihugu by'Iburengerazuba, kigera hose kandi kikamira ibyerekezo by'ibindi bihugu

Niyo mpamvu, ukuri gutandukanye ku bitsina kuri mu mibereho y'abantu, mu mico na politiki byagerageje kumenyera amabwiriza y'ababana bahuje ibitsina bo mu bihugu by' I burengerazuba ayo mabwiriza akaba adahinduka kandi akananirwa gufata ibindi bitekerezo by'isi ku mibiri, ku mibonano mpuzabitsina n'igitsina..

Inyandiko ya L. Picq yerekana ko uburyo bw'imibonano mpuzabitsina bw'abakoroni bukumira imibonano mpuzabitsina ya ba kavukire mu gushyiraho amategeko agenga uburambe ku imibonano mpuzabitsina n'ibitsina, mu guhatira abasangwabutaka kubaho mu rwego rw'amategeko agenga ibihugu by'iBurengerazuba, haba mu gukurikiza amahame ya gikirisitu yo kubana kw'abadahuje ibitsina cyangwa gushyiraho amategeko y'ababana bahuje ibitisna (Manuela L. Picq, 2020)[10].

Mu gihe dukoresha  ijambo "ikibazo" dushaka kuvuga no gusobanura ukuri ku bo twita ababana bahuje ibitsina muri Bilbao, bishobora kumvikana nk'icyifuzo cyo gukora ibiganiro no kwibaza ku mategeko y'iburengerazuba ku bunyurane bw'imibonano mpuzabitsina n'ibitsina, gushyiraho imbuga  zihariye z'ibisubizo birwanya gahunda ya politiki, idini n'umuco bikandamiza kandi byamagana itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina no ku gitsina, ariko kandi no gushyiraho amabwiriza meza kugira ngo zihagarare neza kuri uko gutandukana.

10 L. Picq, Manuela, (2020) La colonización de sexualidades indígenas: entre despojo y resistencia, v. 10, n. 1 p. 13-34, Contemporánea, http://dx.doi.org/10.4322/2316-1329.126

# 05

# UBURYO BWAKORESHEJWE

Turashaka kwerekana ibibazo bimwe na bimwe by'ingenzi mu kugena uburyo bwakoreshejwe muriubu bushakashatsi:

- ALDARTE na ARDE/KUBAHO ni imiryango ikoranye kunshuro yambere, kandi rero byari ngombwa cyane gushaka umwanya wo kumenyana no kwizerana bagitangira.
- Umuryango ARDE/KUBAHO ukorera aho ubushakashatsi bwakorewe wazanye ubumenyi bwimbitse kubijyanye nu Rwanda. Na none kandi itumanaho hagati y'iyo miryango uko ari ine ariyo medicusmundi Bizkaia na Araba, ALDARTE na ARDE/KUBAHO, byanze bikunze ryabaye ryiza kandi rihoraho. Ibyo byatumye bishoboka guhuza uburyo akazi kazakorwamo no guhitamo ibikoresho bikenewe n'uburyo bwo gukora ibiganiro byimbitse.

Itumanaho hagati y'iyo miryango ryakozwe hakoreshejwe ikoranabuhanga (Zoom platform), imeri na WhatsApp. Muri rusange, hakozwe inama 11 hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Uburyo bwakoreshejwe buri mu ibice bitatu:

## ICYICIRO CYA 1: GUTEGURA AKAZI KAZAKORERWA HANZE Y'IBIRO

Inama nyinshi zakozwe hakoreshejwe ikoranabuhanga kugirango bumvikane ku mutwe n'insanganyamatsiko akazi kazibandaho : intego, ibizakorwa nibikoresho byo gukusanya amakuru.

Izi nama zambere zatumye ARDE/KUBAHO igira umwanya wo gusobanura ukuri ku miterere yu Rwanda ku birebana n'itandukaniro ku mibonano mpuzabitsina n'ibitsina, kugirango tubashe gukora neza no kugena ibikoresho bikenewe. Byari ngombwa kumva ubunararibonye bw'umuryango w'ahazakorerwa ubushakashatsi n'ibitekerezo byawo ku nsanganyamatsiko, ingorane zishoboka, n'ubushobozi bw'umuryango bwo gukora imirimo (uburyo bwihariye, ibikoresho, abatekinisiye, nibindi...).

Ibikoresho byakoreshejwe kuri iki cyiciro ni ibi bikurikira:

## Inyandiko y'ibibazo hakoreshejwe ikoranabuhanga (umugereka 1: inyandiko y'ibibazo)

Imiryango yemeranyije ko ahantu hambere hakurwa amakuru ari ugukora inyandiko y 'ibibazo hakoreshejwe ikoranbuhanga noneho bikohererezwa abantu bazwi n'abo ARDE/KUBAHO ifitiye aderesi.

Umushinga wakozwe na r ALDARTE woherezwa kuri imeri ku muryango **medicus**mundi Bizkaia, **medicus**mundi Araba na ARDE/KUBAHO. Wahinduwe mu gifaransa ukorwaho kenshi haboneke inyandiko ya nyuma. Nkuko umuryango ukorera mu gihugu imbere wabisabye, inyandiko y'ibibazo yahinduwe mu Kinyarwanda kugira ngo habeho kuyikwirakwiza byoroshye.

Ibyo bibazo byasubijwe n'abantu 30. Ibisubizo byabo byabaye isoko ya mbere y'amakuru kugira ngo hakorwe iri cukumbura (Reba umugereka 2 : Ibisubizo by'ibibazo hakoreshejwe ikoranabuhanga).

## Ibiganiro byimbitse

Ubundi buryo bwakoreshejwe ni ugukorana ibiganiro byimbitse n'abantu batandukaniye ku bunyurane bw'imibonano mpuzabitsina n'ibitsina, abantu batari mu ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina, imiryango cyangwa ibigo biharanira uburenganzira bwa muntu bashobora kuba bazi ibirebana n'iyi ngingo no kuba bakora ku ngeri zitandukanye mu mibereho y'abantu nk'ingeri irebana n'abanyamadini n'amatorero cyangwa abashinzwe umutekano (Reba imigereka 3.4.5.na.6 ivuga uburyo bwakoreshejwe mu biganiro).

Ku ikubitiro, ARDE/KUBAHO yakoze urutonde rw'abantu n'imiryango ba Kigali na Gisenyi ifata amakuru shingiro y'abantu 43 n'imiryango 5.

Ni ngombwa kwibutsa ko abantu bose bagize uruhare muri uyu mushinga bahisemo kutagaragaza amazina yabo. Niyo mpamvu amakuru areba umuntu ku giti cye atafashwe. Hafashwe gusa amakuru areba aho bakomoka n'imyaka yabo. Bamwe muri bo batanze amazina y'amahimbano cyangwa amagambo y'ibanga.

Mu nama yakozwe hakoreshejwe ikoranbuhanga, imiryango ine iri muri iri cukumburwa bemeje inyandiko y'ibibazo banafata icyemezo cyo gushyiraho amatsinda abiri yo gutanga ubuhamya, rimwe i Kigali irindi ku Gisenyi.

## Amahugurwa yakozwe na ARDE/KUBAHO

Ku itariki ya 30 Kamena 2022 habaya mahugurwa yari agamije gutegura ibiganiro. Ayo mahugurwa yitabiriwe n'abagore babiri ba ALDARTE, umugore umwe wa **medicus**mundi BIZKAIA, umugore umwe wa **medicus**mundi Araba n'abantu barindwi ba ARDE/KUBAHO bashinzwe gukoresha ibiganiro (abagabo 6 n'umugore 1 muribo hakabamo umuntu ufite ubumenyi ku isanamitima



n’umuforomokazi. Amahugurwa yabaye hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Haganiriwe ku nsanganyamtsiko zinyuranye zirimo kugira ibanga, gufata amashusho y’abari mu mahugurwa, kubungabunga umutekano wabo kugira ngo batamenyekana, gufata mavidewo cyangwa amajwi n’uburyo bigomba gukorwa (umuntu ku giti cye, mu itsinda, igihe gufata amashusho bimara n’ibindi).

Nanone kandi hari ibindi bintu by’ingenzi byizweho mu nama:

- Kubaka icyizere no kwiyumvanamo hagati yawe nuwo muri kuganira.
- Kwemera ko umuntu ashobora gusubiza ibibazo byose cyangwa bimwe muri byo, icyo wakora mu gihe umuntu agize ikibazo cyo kuvuga kuri iyi ngingo n’uburyo bwo kuyobora ikiganiro igihe habaye ikibazo.
- Koroshya ibintu mu gihe cyo kubaza: Ibi bituma ushobora guha ikiganiro umurongo ariko si ngombwa cyane iyo nyirubwite adashaka gusubiza ibibazo byose cyangwa iyo bidashoboka ko abirangiza.
- Ni ngombwa gutanga umwanya uhagije kugira ngo havugwe ku ngingo zishobora kuba zikomeye cyane cyane ku bantu bagize ihuriro ku bijyanye n’utandukane bw ‘imibonano mpuzabitsina n’ubutandukane bw’ibitsina.
- Gushyira ahagaragara ubwoba n’impungenge by’abashinzwe gukora ibiganiro kuko batigeze bakora umurimo nk’uwo.



## **IGICE CYA 2:** AKAZI KO KUJYA KUSHAKA AMAKURU AHANTU HATANDUKANYE

Itsinda rya ARDE/KUBAHO ryakoresheje ibiganiro rinakorana n'amatsinda atanga ubuhamya.

Hakozwe ubushakashatsi binyuze mu ikoranabuhanga. Abantu 30 n'amatsinda 4 basubije ku buryo bukurikira batagaragaje amazina yabo: 2 i Kigali, 2 ku Gisenyi na 15 baganirijwe ku giti cyabo.

Habayeho kwizerana hagati yabo aribyo byatumye buri wese atanga ibitekerezo mu bwisanzure. Ku ikubitiro, kuganira ntibyihutaga cyane, ariko hashyizweho umwanya n'uburyo bwizewe aho abitabiriye bashoboraga kuganira mu buryo busanzwe.

Ibibazo byose byabajijwe mu matsinda byibanze ku buzima bw'abagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina, n'ibyo basaba mu Rwanda, ihohoterwa ryihariye bakorerwa n'irishobora kuba ndetse n'ibyifuzo byo kuzamura imibereho itandukanye.

Ku ruhande rumwe, akazi ko kujya gushaka amakuru ahantu hatandukanye katumye bishoboka gukusanya, ibitekerezo by'abantu bagize iryo huriro i Kigali, Gisenyi n'imiryango itatu ikorana n'iryo huriro (rizwi na leta) ku rundi ruhande, gukusanya ibitekerezo by'abantu batari mu itsinda, batari mu miryango cyangwa ibindi bigo, kandi bidafite aho bihuriye n'ihuriro ry'i kigali n'i Gisenyi.

## ICYICIRO CYA 3: ISESENGURA RY'AMAKURU YABONETSE NO GUKORA RAPORO Y'UBUSHAKASHATSI

Iki cyiciro cyakozwe ku bufatanye n'imiryango yose.

Ku ikubitiro, ARDE / KUBAHO yohereje mu bandi bantu bagize imiryango amakuru yavuye ku bantu baganiye nabo ahantu hatandukanye: Inkuru igizwe n'amashusho(videwo) ku bantu batandukanye babajijwe (ku bunyurane bw'imibonano mpuzabitsina n'ubw'ibitsina ku madini n'ubuzima), ndetse no kwandukura ubuhamya bwakusanyijwe bw'abantu babana bahuje ibitsina.

Mu Kwakira, ARDE / KUBAHO yasohoye inyandiko yambere ikubiyemo imyanzuro ibanza yabaye ishingiro ry'umushinga wambere wo gucukumbura wakozwe na ALDARTE. Yahise iwohereza mu muryango ukorera imbere mu gihugu kugirango usuzumwe kandi wemezwe.


Mu kubaza, imiryango ine yavuguruye umushinga kandi uwutangaho ubugororangingo bwa nyuma. ALDARTE yongeye gusubiramo raporo icukumbuye ihuza ibyavuye mu gusuzuma raporo n'impaka zagiwe.

# 06


# AMAKURU KU BANTU BAGIZE URUHARE MU GUKORA UBUCUKUMBUZI

## 1. ABABANA BAHUJE IBITSINA BASUBIJE HAKORESHEJWE IKORANBUHANGA:


Imyaka




Muri mu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibiutsina?



Niba ari yego umwirondoro wanyu ni uwuhe?




## 2. IBIGANIRO N'IMIRYANGO N'AMAHURIRO AGIZE AMATSINDA Y'ABATANGABUHAMYA N'IBIGANIRO N'ABANTU KU GITI CYABO:


| ITSINDA/AHANTU | UMUBARE W'ABITABIRYE | IGITSINA | IMPUZANDENGO Y'IMYAKA |
|---|---|---|---|
| Abantu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina ba Gisenyi | 5 | Abagore 4<br>Umugabo 1 | Imyaka 26 |
| Abantu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina ba Kigali | 4 | Abagore2<br>Abagabo 2 | Imyaka 28,7 |
| Imiryango ikorana n'ihuriro (rizwi na leta) | Abantu 5 | Aabagore2<br>Abagabo 3 | Imyaka 42,5 |
| Abantu batari mu bagize ihuriro ba Gisenyi, imiryango n'ibigo bitagize aho bihuriye n'ihuriro | 6 | Abagore2<br>Abagabo 4 | Imyaka 51,6 |
| Abantu batari mu bagize ihuriro ba Kigali, imiryango n'ibigo bita-gize aho bihuriye n'ihuriro LGT-BIQ+/Kigali | 5 | Umugore 1<br>Abagabo 4 | Imyaka 38,2 |

# 07

# GUSESENGURA IBIBAZO ABABANA BAHUJE IBITSINA BAHURA NABYO N'IBYO BAKENEYE MU RWANDA

## IMIBEREHO Y'ABABANA BAHUJE IBITSINA MURI RUSANGE

Iki gice kirerekana ishusho rusange y'uko abantu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina babayeho. Mu gihe habazwaga ibibazo hakoreshejwe ikoranbuhanga, abantu bitabiriye basobanuye neza uko ibintu bimeze, nkuko ushobora kubibona mu mbonerahamwe ya mbere (1). Graphique 1.




Igishushanyo cya 1.

Ku kibazo: *Abantu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina babayeho bate mu Rwanda?*

Abantu basubije ibibazo byababajijwe hakoreshejwe ikoranbuhanga basobanuye neza ibintu bitoroshye kandi bigoye ihuriro rihura nabyo, bemeza ko hariho ibihe bibi by'urwango ndetse n'umutekano muke. Imwe mu myanzuro yagaragajwe:

## Bakorerwa ivangura

73.3% by'abantu babona ko ivangura rihari cyane. Ibyerekeye ubutandukane bw' Imibonano mpuzabitsina n'ubw'ibitsina ni insanganyamatsiko ya kirazira mu muco w'u Rwanda kandi abantu babana bahuje ibitsina bakorerwa ivangura rikomeye. Nubwo Itegeko Nshinga ry'u Rwanda ribuza ivangura iryo ari ryo ryose inkomoko yaryo, kandi rikemeza uburinganire bw'abaturage bose imbere y'amategeko, izi ngingo ntizikurikizwa mu by'ukuri kubera ko kubahiriza itandukaniro ry'imibonano mpuzabitsina bitabaho. Amategeko ashingiye ku itegeko nshinga ntabwo aherekejwe n'izindi nyandiko zemewe zatuma habaho kurinda, gushyigikira, gukumira no gukumira iryo vangura ku buryo buhamye.

Mu Rwanda, nta bubukangurambaga bwo gukangurira inzego kwamagana no gusenya imyumvire n'imitekerereze mibi by'abaturage. Mu by'ukuri, abaturage bagira uruhare mu gupfobya no gusesereza abantu babana bahuje ibitsina. Bahora bashinjwa n'abaturage ibibi byose bibera muri mu muryango.

Amategeko mbwirizamuco hamwe n'urwango biri mu muryango bituma habaho ihohoterwa n'ivangura rikorerwa abantu bose badahuje ibitekerezo n'abemera imibanbire y'abantu badahuje ibitsina.

## Ababana bahuje ibitsina barasuzugurwa kandi bagakorerwa ihohoterwa rinyuranye

Nkuko byasobanuwe hepfo gato, abantu n'ihuriro ryabajijwe bavuga ibwoko bwinshi bw'urugomo bahuye nabyo bicecekeye, batajya ahagaragara, bakanihanganira gusuzugurwa no kutamenywa n'umuryango nyarwanda. 66.7% by'abantu batekereza ko societe yu Rwanda ntacyo izi kubantu babana bahuje ibitsina n'urugomo bahura narwo.

Uko gusuzugurwa:

- Gutuma abafite ibitekerezo byashyizweho bahinduka abatindi ku rwego rukabije biewe n'uko bumva imibonano mpuzabitsina n'uko bumva Ibitsina ibyo bikabazanira ihohoterwa rihoraho
- Bihishira kandi ntibyemera kumugaragaro ko ibitero bihari, mu gihe iyi ntambwe ari ngombwa kugirango utangire kubyumva no kubihagarika,
- Bitubuza kumenya uburyo iryo hohoterwa ryakozwemo, aho rituruka n'umubare w'abantu barikorerwa,
- Bigira nyakamwe abantu bahohotewe bikababuza kwishyira hamwe no gukorera hamwe mu guhangana n'ihohoterwa bahura naryo,

- Bihembera umuco wo kudahanwa kw'amatsinda akorera ihohoterwa ababana bahuje ibitsina.

## Abo bantu ntibafite uburenganzira bumwe kimwe n'abandi banyarwanda

36.7% by'abantu basubije ibibazo hakoreshejwe ikoranabuhanga kuri bavuga ko badafite uburenganzira nk'ubw'abandi baturage bo mu Rwanda. Mu by'ukuri, kuba nta tegeko ryamagana ababana bahuje ibitsina mu Rwanda cyangwa imyanzuro yihariye ibuza aba bantu uburenganzira runaka ntabwo byemeza ko bashobora kugira uburenganzira bumwe nk'abandi baturage. Ariko, muri iki gihe uburenganzira bwo gushyingirwa, gushinga umuryango cyangwa kurerwa ntibwemerewe abantu batari abemera kubana kw'abadahuje ibitsina.

Birasanzwe ko gukoresha uburenganzira bidaturuka ku kutamenyekana mu buryo bweruye mu mategeko. Tugomba kumva ko kugira uburenganzira ari ikintu kimwe, ariko ko no kubukoresha ari ikindi. Ibi bishatse kuvuga gushobora gukoresha ubwo burenganzira.

CMuri iyi raporo, iyo tuvuze ku burenganzira, ibi bishobora kumvikana mu buryo bubiri : duhereye ku buryo bwemewe n'amategeko, ni ukuvuga uburenganzira bwemewe n'amategeko bumaze kuvugwa, ariko butemewe ku bantu babana bahuje ibitsina (gushyingirwa, kurera, n'ibindi) n'ubundi burenganzira bujyanye no kubaho cyangwa kutabaho no kwigaragaza mu bwisanzure ku birebana n'ubunyurane bw'imibonano mpuzabitsina.

Ni hehe byaturuka ngo abantu batejereze ndetse banemere ko abo bantu badafite uburenganzira bumwe ? Ku itandukaniro ryavuzwe haruguru. Ababana bahuje ibitsina bafite uburenganzira nk'abandi baturage ; turabyemera - ariko niba nta cyemezo kibuza ivangura rikorerwa ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina cyangwa icyemezo gikumira ihohoterwa, gufungwa bya hato na hato nta mpamvu no gutotezwa n'abari hafi yabo, ubwo burenganzira nta buhari kubera ko budashobora gukoreshwa kimwe n'abandi baturage bo mu Rwanda, kubera urwikekwe imikorere mibi n'ivangura bibakomokaho.

Mu bice binyuranye by'isi ndetse no mu Rwanda, kwanga guha uburenganzira abemera ubunyurane bw'ibitsina bikorwa n'abaturage si amategeko abiteganya, bikaba bigira ingaruka z'ako kanya ku bryo bo bakora imibonano mpuzabitsina. Twatanga nk'urugero nk kutabasha gutanga ibitekerezo mu bwisanzure ku karubanda cyangwa mu baturanyi babo:

## Kubasha gutanga igitekerezo ku karubanda

Ku karubanda ni ahantu ha rusange twese duhurira : Inzira tunyuramo cyangwa dutemberamo, aho duharira (amasoko atwikiriye cyangwa amasoko yo ku muhanda), ahakorerwa imyidagaduro n'imbuga nkoranyambaga. Igihe cyacu

kinini tukimara turi aho hantu ha rusange ariho akenshi dukorera.

Ahantu rusange hashobora gusuzumwa hagendewe ku buremere n'ubwiza bw'imibanire myiza hashobora kubyara, hamwe n'ubushobozi bwaho hantu bwo guha abantu amahirwe yo kwihuza, guhura no kuvuga mu mudendezo. Mu rwego rw'umuco, Ahantu rusange ni ingenzi kugira ngo abantu bibone mu bandi.

Aha ni ahantu h'icyubahiro ho gukoresha ubwenegihugu no kwerekana uburenganzira bw'abaturage, niyo mpamvu biteye impungenge cyane kubona ko 3,3% gusa by'abantu babajijwe ibibazo basubije ko bashobora kwigaragaza mu bwisanzure mu ruhame. Hafi ya 97% by'ababajijwe ntibashobora kubikora, kubera ko ahantu rusange ari ahantu hahurira abantu bemera imibonano y'abadahuje ibitsina kandi buri wese agasabwa kugira imyitwarire ishingiye ku mategeko yabo

## Kutagira ubufasha bw'abandi baturage n'ubw'umuryango

100% by'ababajijwe bavuga ko nta nkunga y'abaturage cyangwa umuryango bafite. Aya ni makuru ateye ubwoba agaragaza ingorane zatewe naba bantu no kuba badashobora guhunga ivangura n'urugomo, haba mu bikorera ndetse no mu nzego za Leta.

Bitandukanye no mu rwego rusange, kubura inkunga murwego rwigenga ni ikibazo gikomeye kandi kigoye kwigwaho no kugikemura. Bitewe n'uburemere bw'umuco mu muryango cyangwa inzu bimaze kuvugwa haruguru, birashoboka kumva ingaruka z'ubukungu n'imibereho ituruka ku kwirukanwa kw'aya mahuriro, k'uyu muryango, n'uburwayi bwo mu mutwe bubaturukaho maze ababana bahuje ibitsina bakabizira.

Na none kandi, mu gihe umugore agira uruhare rwa kabiri (burigihe rufitanye isano no kororoka, gukora imirimo yo murugo no kwita ku bandi), twumva ingorane zo kwirinda gushyingirwa ku gahato cyangwa kubahohotera babigisha uko bagomba kwitwara.

## Ibindi bintu ababana bahuje ibitsina banyuzemo

43% by'abantu bagaragaza ko banyuze mi bindi bintu bikomeye ariko nta bisobanuro burambuye batanga.



## KUTIGARAGAZA KW'ABABANA BAHUJE IBITSINA

Ni ngombwa kwerekana neza ko ababana bahuje ibitsina bakoresheje amazina y'amahimbano kugirango batamenyekana aribyo byatumye tumenya mbere na mbere uko ibintu byifashe

Ibiganiro ntibyari gushoboka iyo hatabaho akazi kakozwe na ARDE / KUBAHO, yo yatumye habaho kwizerana n'umutekano w'abitabiriye iri cukumburwa.

Ibi bituma twumva ubwoko bw'ibibazo bashobora guhura nabyo nyuma yo kumenyekana ko bari mu bashyigikiye ubunyurane ku mibonano mpuzabitsina n'ubwoba bwo kuba bagaragara nka bo.

Itsinda rya ya ARDE / KUBAHO ryitaye cyane ku buryo bwo kuvugana n'abantu, guhitamo aho bakorera ibiganiro no gufata amashusho, ndetse no kumenya abantu, kubera ko umwirondoro wabo warindwaga no gukoresha amazina y'amahimbano no kugoreka kw'amashusho yabo mu maso.

Nkuko twabivuze haruguru, 3,3% gusa by'abantu basubije ibibazo hakoreshejwe ikoranabuhanga bavuga ko bashobora kwigaragaza mu bwisanzure ahantu rusange. Biragaragara ko kutagaragara biboneka mu buzima bwa buri munsi mu kutumva ibintu kimwe n'abandi kwabo kandi ko imiterere twabonye y'ivangura mubice byinshi by'umuryango Nyarwanda utuma ababana bahuje ibitsina batigaragaza ku mugaragaro ndetse no mubari hafi yabo. Icyakora. Ni ngombwa kumenya ko ibyo biterwa n'ibihe umuntu arimo kuko umwe mu babajijwe tuganira yagize ati :: *"Jye ntabwo ntinya kwiyerekana uko ndi, oya! Ntabwo nihisha".*

Dushingiye ku buhamya bwakusanyijwe tuganira n'abantu, dushobora kwemeza ko kutagaragara ari bumwe mu buryo bwo kwirinda kugira ngo hiirindwe ibibazo n'ingaruka zijyanye n'ivangura. Umwe mu bantu babajijwe abivuga muri ubu buryo: *"igihe tutemera gutandukana kwacu n'abandi,*

*zdushobora gutuza. Abantu rero bakora urugomo bareka kubikora kandi dushobora gukomeza inzira yacu".*

Icyakora, uku kutagaragara bisaba ikiguzi kinini. Tugira ikibazo cyo kubonana, kumenyana no guhurira hamwe: *"Kugirango hashyizweho amashyirahamwe y'ababana bahuje ibitsina, ntibyoroshye, kuko benshi muri twe twihishe".*

Ababana bahuje ibitsina ntibigaragaza ku mugaragaro kugira ngo birinde akato. Kubera iyo mpamvu, bakoresha amayeri yo kubana nk'inshuti mu gihe babanye cyangwa bagakoresha amayeri yo kwihisha. Umwe mu babajijwe yavuze ko bamwe mubabana bahuje ibitsina azi bihisha kandi ko iyo babanye, bavuga ko ari umuryango kugira ngo bahishe imiterere nyayo y'imibanire yabo. Yongeyeho kandi ati: *"Njye mbona kwihisha bifite ingaruka.".*

Abashakanye bose bahuje igitsina tuvugana bemeza ko atari bo bonyine mu Rwanda, ko hari abandi, ariko ko benshi muri bo batinya kuvuga no kwerekana isura yabo mu ruhame.

Uku gushaka kwihisha kubonwa n'abandi bashinzwe imibereho myiza babajijwe bataba mu ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina *"Barahari, ariko barihisha, kuko bazi neza ko batemerwa na sosiyete. Nzi abantu bake, ariko sinshobora kuvuga amazina yabo".*

## KUBA HARI IMYUMVIRE N'IBIBAVUGWAHO BIBI : UBUTANDUKANE BW'IMIBONANO MPUZABITSINA NKA KIRAZIRA

Hari imyumvire mibi n'amagambo adafite ishingiro ku mibonano mpuzabitsina bigaragara mu bice byose bigize umuryango Nyarwanda kandi bifitanye isano itaziguye n'ibibazo by'umuco n'amadini.

Turerekana bike byagaragaye turi gukora ibiganiro ahantu hatandukanye:

- Gukundana n'umuntu muhuje igitsina ntibifatwa nk'umuco w'u Rwanda kandi kirazira. Byongeye kandi, ibyo bifatwa nk'ibiterasonii. Niyo mpamvu ivangura rikomeye ribera mu muryango.
- Imvugo zitesha agaciro, amagambo n'ibitutsi. Abantu bagize uruhare muri iri cukumbura bagize bati: "iyo tunyuze mu baturanyi, twitwa abapede, ABATINGANYI[11] n'andi magambo atesha agaciro." Bemeza ko tutemewe mu muryango nyarwanda.

11 Queer, bizarres, homo, etc.

- Urwikekwe rujyanye n'umuco w'u Rwanda ubwawo.


- Abantu babajijwe babisobanura gutya: “Uburenganzira bwabo ntibwubahirizwa, kubera ko mu muco no mu idini, icyerekezo ku mibonano mpuzabitsina cy’aba bantu gikomeje kuba kirazira.”

- Ababana bahuje ibitsina bashaka gusenya umuryango kubera ko batazabyara kandi ibi binyuranyije n’umuco wu Rwanda.

- Urwikekwe rushingiye ku idini ni rwo rwashinze imizi. Mu matorero menshi, bifatwa nkaho bikurura ibyago, ko batakaje umuco n’isano yabo n’umubano n’umuco w’u Rwanda. Ni kenshi kumva ko ababana bahuje ibitsina ari ikizira imbere y'Imana, ibyo biikabuza inkunga iyo ari yo yose itangwa n'abaturage.

Kimwe mu bibazo byabajijwe cyari ukubaza niba hari ihohoterwa iryo aririyo ryose bakorerwe cyangwa niba hari umuntu bazi wigeze guhura n'ibi bibazo kubera kuba umwe mu babana bahuje ibitsina muri rusange kandi niba aribyo, ni ubuhe bwoko bw'ihohoterwa.

Abenshi mu basubije bemeje ko ivangura rihari (75% bavuze ko ivangura rihari). Ababajijwe banagaragaje uturere n'ahantu ihohoterwa ribera, nk'uko




bigaragara ku gishushanyo cya 2:

Igishushanyo cya 2.

Ku bijyanye n'aho bakorerwa ihohoterwa cyangwa ivangura kubera kuba abanyamuryango b'abana bahuje ibitsina, 14.3% by'ababajijwe bavuga ko bikorerwa mu muryango, 3,6% ku ishuri, 7.1% mu baturage, 3. 6% ku kazi aho bakorera, 7.1% mu 'itorero, 0% kuri polise, 0% ahandi hantu na 75% basubiza ko hatagaragara.

## Mu rwego rw'umuryango

Nk'uko tumaze kubivuga mu gika ku bibazo rusange, umuryango ni kimwe mu bidukikije aho abantu bahanganye na gahunda yiganje y'amabwiriza yemera imibonano mpuzabitsina y'abadahuje ibitsina bahura no kwangwa no kuvangura akenshi bifite ishingiro kubera urwikekwe rushingiye ku idini cyangwa umuco.

Bakoza isoni no gusuzugura umuryango wabo. Ni ngombwa gushimangira amakuru yagaragajwe n'ikibazo cyerekanwe ku gishushanyo cya 1: abantu 30 basubije iki kibazo bavuze ko nta nkunga y'umuryango bafite.

Ubuhamya bwakusanyirijwe mu biganiro buvuga cyane kuri uku kubura inkunga mu bo baturanye. Umwe mu babajijwe yagize ati: "Umunsi umwe, jye na mama twasuye mushiki wanjye tujya kureba filime ivuga ku bahuje ibitsina. Filime irangiye, mama yavuze ko abana be baramutse bameze batyo, yari kubatwika. Nyuma yo kubona uko mama yitwaye n'amagambo avuze, mushiki wajye yumvise "*ababaye*" aragenda, kubera ko nyina atari azi ko aryamana n'abo bahuje igitsina.

Igitutu cy'abaturanyi gishobora kuba kinini cyane kugira ngo gitume umuntu agendera ku mategeko asanzwe y'ababana badahuje ibitsina: Undi yagize ati:

*''Jyewe nk'umugore, bampatiye gushyingirwa n'umuhungu ntakundaga kandi byabaye ngombwa ko ngenda ngakundana n'umuntu ntakundaga."* 30% by'abantu basubije ibibazo babana n'imiryango yabo, ibyo bikaba bibabuza kutabasha kuvuga no kubaho mu bwisanzure mu butandukane bw'imibonano mpuzabitsina, kuko bagomba kubahiriza amahame mbonezamubano yo kwemera. Imyumvire y'iki gihe mu muryango nyarwanda ivuga ko kugira umuntu wo muryango w'ababana bahuje ibitsina cg abalezibiyeni biteye isoni kandi biganisha ku kwangwa no guhezwa mu mibereho, kandi bigahindura umuryango ahantu h'urwango rukorerwa abadahuje nabo imyumvire.

## Mu rwego rw'umuryango mugari n'aho umuntu atuye

7.1% by'abantu babajirijwe aho bakorera bavuga ko bakorewe ivangura aho batuye cyane, mu muryango mugari cyangwa mu baturanyi.

Hariho ahantu badashobora kwinjira mugihe bazwi, nk'imihango y'ubukwe, ibirori bimwe na bimwe cyangwa mu matorero. Ababana bahuje ibitsina barababahema bakanabasuzugura. Dore ukuri gusobanurwa n'ubu buhamya: *"Umunsi umwe, kuri stade, mu mukino w'umupira w'amaguru, haje umuntu wihinduye imiterere, abantu benshi baramuseka ndetse baramukwena."*

Uku kwigunga no kwiheza mu baturanyi, guhabwa akato bigenda bigaruka kenshi mu byaganiweho kandi icyongeyeho kuri ibi, nkuko twigeze kubivuga haruguru, ni imwe mu ngamba zo kutagaragara kugira ngo twirinde kumenyekana nk 'abagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina kubera ingaruka mbi zikurikira. NK'urugero, bamwe mubabajijwe batari mu ihuriro ryabo nk'imiryango itegamiye kuri leta mu Rwanda, bavuga ibi bikurikira : *"sinshobora no kubatumira mu birori kubera uburyo bakoresha igitsina cyabo".*

Umwe mu babana bahuje ibitsina witabiriye ibiganiro yavuze ko yigeze



gukorerwa ivangura ari mu itsinda ry'ababyinnyi gakondo ashinjwa kwitwara nk'abagore.

## Mu rwego rw'ubuzima

N'ubwo ari ukuri ko urwego rw'ubuzima rutagaragara mu biganiro byakozwe hakoreshejwe ikoranabuhangao nka kimwe mu bice bivangura, ni insanganyamatsiko yagaragaye inshuro nyinshi mu gihe cy'ibiganiro. Umuganga wabajijwe mu rwego rw'iri cukumbura yagize at *"Nta vangura ribakorerwa kuko tubafata nk'abandi"*. Nyamara ababana bahuje ibiotsina bavuga ko bahuye n'ibibazo byo kwangwa muri uru rwego rw 'ubuzima.

Umwe muri bo wabajijwe mu kinyamakuru *"The Conversation"*, yabisobanuye agira ati: *"Nakorewe ivangura mu kubona ubuvuzi kandi sinongeye guhabwa serivisi nahabwaga zo kuvurwa n'umuryango mbere yuko mama abihagarika.*

Igihe cyose nagiye mu bitaro nkabwira umuganga ububabare nari mfite kuva numvise ko narwaye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina no mu mara, banciriye urubanza. Byarambabaje cyane, nagize kwiheba ndetse ntekereza no kwiyahura.[12]»

Ku bijyanye na serivisi z'ubuzima, umuforomo wari mu matsinda y 'abatangabuhamya yasobanuye agira ati: *"Icyo nakongeraho ni uko iyo dutekereje ko ari umuntu wo mu babana bahuje ibitsina, tugira urwikekwe rudasanzwe ku miterer ye ".* Icyakora, urwikekwe nta ngaruka rugira zirebana no kumwakira kuko serivisi ari zimwe kuri bose.

## Mu rwego rw'Ishuri n'akazi

E3,6% by'abantu busubije ibibazo hakoreshejwe ikoranabuhanaga biri ku

12 Ikiganiro n'umwe mu babana bahuje ibitsina wo mu Rwanda cyo mu Kinyamakuru" The conversation "https://theconversation.com/rwanda-lgbt-rights-are-protected-on-paper-but-discrimination-and-homophobia-persist-182949

gishushanyo cya kabiri berekanye ko bahuye n'ibibazo by'ihohoterwa cyangwa ivangura mu rwego rw'uburezi, na 3,6% ku kazi kabo.

Ku bijyanye n'uburezi, ni ahantu itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitisina ritajya rivugwaho na rimwe. Nkuko umwe mu barimu wo mu kigo cy'ishuri witabiriye amatsinda y'abatangabuhamya yabigaragaje, yagize ati : *"Ku ishuri, tuvuga insanganyamatsiko ku buzima bw'imyororokere, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ariko ntituvuga ibyerekeye ababana bahuje ibitsina'.*

Turashaka kwibanda cyane ku buremere bw'ivangura ribaho mw 'isi yo ku kazi. Mu by'ukuri, hariya ni ahantu muri rusange haze ku mwanya wa mbere, kubera ko ababana bahuje ibitsina batinya kubura akazi kubera igitsina cyabo. Mu bisanzwe, ntibashyigikirwa n'imiryango yabo, n'ubwo tuzi ko umuryango akenshi utanga ubufasha bw'amarangamutima, umutekano n'ubufasha bw'amafaranga. Usibye kwamburwa inkunga y'umuryango, iyo kwitabwaho n'iya'amafaranga, ababana bahuje ibitsina bahura n'urugomo cyangwa ivangura ku kazi, nyuma bakabaho mu bukene bukabije.

## Mu rwego rw'iyobokamana

7.1% by'abantu basubije ibibazo kuri interineti bavuze ko bahohotewe n'idini. Umwe mu babajijwe yavuze ko atanzwe n'umuryngo we gusa, ahubwo n'abayobozi b'amadini n'amatorero atandukanye. Yagize ati: *"Bakimara kumenya uwo ndi we bamfungiye amasakaramentu."*

Imwe muri paruwasi yagize uruhare muri ubu bushakashatsi yasobanuye muri aya magambo : *"Iyo baje gusenga (ku rusengero), turabakira kuko Imana yanga icyaha kandi ikabohora umunyabyaha," bityo tubita abanyabyaha".*

Urihare runini n'imibereho by'aya madini n'amatorero bigira ingaruka zitaziguye mu rwego rw'ivangura no kwangwa kw'ababana bahuje ibitsina, kubera ko disikuru zabo zemeza cyane abaturage, ububasha n'imyitwarire y'abayobozi bayo (abasenyeri, abapasitori, n'abandi} batanga ubutumwa bwubahwa n'abaturage cyane.

Dore urugero rusobanutse ku byavuzwe haruguru rwasobanuwe n'umwe mubabajijwe.

Umwe mu bahagarariye idini wabajijwe yagize ati: *"amatorero menshi ntabwo ashyigikiye iyi myitwarire."* Ibi byashimangiwe n'abantu babajijwe mu rwego rw'amadini, bagaragaza urwikekwe rushingiye ku idini bumva mu matorero kandi akaba ari ahantu heza cyane ho kuzamurira disikuru z'urwango ku babana bahuje ibitsina.

Abashakanye baravuga bati: *"Imana yaremye umugabo n'umugore kugira*

*ngo babyare. Ntabwo rero ari byiza ko umugabo abana n'undi mugabo, cyangwa ngo umugore abane n'undi mugore. Ntekereza ko ari umwanda."* Undi mugabo wabajijwe yagize ati: *"Iyo dusomye ijambo ry'Imana, kuryamana kw'abahuje igitsina ntaho bigaragara. Ubu babyita 'iterambere', ariko sinshobora kubishyigikira."* Nanone, umugore wa gatatu wabajijwe na ARDE / KUBAHO yibukije kimwe mu bitekerezo byagarutsweho cyane: *"Imana yaremye umugabo n'umugore kandi isaba ko umugabo ari uw'umugore umwe gusa umugore nawe akaba uw'umugabo umwe gusa".* Iyi mitekerereze biragaragara ko ifite ingaruka z'uko umubano hagati y'abantu bahuje igitsina utemewe cyangwa utagaragara neza mu mu muryango nyarwanda.

Twashatse kandi kumenya aho abantu bahagaze n'ibitekerezo byo mu rwego rw'amadini n'amatorero bishyigikiye itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina. Ku birebana n'icyubahiro no gusobanukirwa iby'urwikekwe no kwangwa, nkibi by'uhagarariye idini wababjijwe akavuga ko n'ubwo amadinini n'amatorero menshi afata ubutandukane ku mibonanao mpuzabitsina nk'ikizira cyangwa ibya Satani, kuri we ngo si byo: Twakira buri wese kandi tukamuha icyubahiro cye. Ababana bahuje ibitsina tubafata nk'ibiremwa by'Imana.

## IHOHOTERWA RIGARAGARA

Nkuko tuzabibona nyuma, kutagaragara ni uburyo bwo kwikingira bwemejwe n'abantu babana badahuje gitsina kugirango birinde kubabazwa n'iihohoterwa ry'abanga ubutandukane bw'imibonano mpuzabitsina kandi bakagaragarizaza urwikekwe rwabo muri iryo hohoterwa.

Hari ihohoterwa rigaragara rishobora kuba mu magambo (nkuko twabibonye haruguru mu buryo bwo gutukana) n'ihohoterwa ku mubiri. Bamwe mu babajijwe bamaganye ihohoterwa ritandukanye bakorerwa nko gutukwa, kuvugirizwa induru ndetse no gukubitwa. Umuntu umwe yasobanuye ko yakubiswe kubera ko yitwaye nk'umukobwa n'ubwo imiterere ye kamere ari iy'umuhungu. Undi muntu yavuze ko yirukanwe mu nzu yakodeshaga ubwo yakundanaga n'umuntu bahuje igitsina bikamenyekana. Abandi bantu bahatiwe kuva mu miryango yabo no kuva aho batuye nyuma yo guterwa ubwoba

Iri hohoterwa ryeruye akenshi rihatira abahohotewe guhunga. Ubwo buzima n'itotezwa bifite ingaruka zikomeye ku muntu ku giti cye no ku mutima. Ibi ni ukuri cyane iyo iki kibazo kibaye ahantu hafi mu buzima bwa buri munsi: Umwe mu bahohotewe wabajijwe yagize ati "Natewe ubwoba kandi byabaye ngombwa ko njya gutura i Nyamirambo[13]".


---

13 Kamwe mu duce tw'i Kigali dutuyemo abantu basobanutsei

## URWEGO RWA POLISI: "BAGIZE BATI: NTABYO NZI, NTA GITEKEREZO MBIFITEHO"

Hashingiwe ku byavuye mu bibazo byabajije no mu biganiro byakozwe dushobora kwanzura ko urwego rwa polisi atari ahantu hizewe abantu bashobora gusaba ubufasha mu gihe hari ikibazo cy'ivangura n'ihohoterwa ryeruye ryakorewe abakundana bahuje ibitsina, ahantu hatizewe bitewe n'ubumenyi buke buhari kubijyanye n'umuryango wababana/bakundana bahuje ibitsina muri sosiyete nyarwanda. Nkuko bigaragara ku gishushanyo cya 3, 70% by'ababana bahuje ibitsina ntibajya kuri polisi ngo batange ikibazo igihe bahohotewe.

**Ese igihe umuntu akorewe ivangura bitewe no kuba ari mu babana bahuje ibitsina ashobora kujya gutanga ikirego kuri polisi?**




Igishushanyo cya 3

Birakwiye kwerekana igisubizo cyatanzwe n'umupolisi mu gihe ARDE / KUBAHO yamubajije igitekerezo cye kubashakanye bahuje ibitsina: "Aya ni makuru mashya umpaye, ntacyo nakongeraho kuriyi ngingo". Iki gisubizo kidasobanutse no kutagira uruhande ruhamye umuntu abogamiyemo bihura n'ibisubizo byabonetse ku kibazo cyabajijwe, aho abitabiriye basubije ko batigeze bakorerwa ivangura n'urwego rwa polisi. Tugomba rero guhuza aya makuru no kuba 70% by'abahohotewe bataratinyutse gutanga ikirego igihe bakorewe ihohoterwa kandi batarigeze bakorerwa ivangura na polisi cyangwa kwanga kwakira ikirego cyabo.



## UBURYO BWO KWISHYIRA HAMWE/ AMASHYIRAHAMWE RY'ABABANA BAHUJE IBITSINA

Abitabiriye icukumbura bemeza ko bakeneye uburenganzira bwo kubahwa no gufatwa nk'abandi baturage bo mu Rwanda. "Ibyiyumvo byacu bigomba kubahwa kuko niko twiyumva kandi ntabwo ari twe twahisemo kubaho gutya." Aba bantu kandi bahura n'ikibazo cyo kutagira amashyirahamwe yabo ashobora kubakira, guharanirano kurengera uburenganzira bwabo.

Raporo ya ILGA 2020[14] ivuga ko abaharanira uburenganzira bwa muntu baba mu Rwanda bavuze ko imiryango igerageza kwiyandikisha muri guverinoma mu buryo bwemewe n'amategeko muri rusange itagaragaza ibyo bakorana n'umuryango w'ababana bahuje ibitsina kubera gutinya ko icyifuzo cyabo kitakirwa. Abavuga ku mugaragaro ibikorwa byabo nyamukuru biyita imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu. Iri "tandukaniro rigaragara ku izina rishobora kuba urufunguzo rwo kwmerwa cyangwa kutemerwa mu rwego rw'amategeko

Mu rwego rw'imibereho aho usanga kwangwa, urwikekwe mu nzego zose biri ku rwego rwo hejuru, uburyo bwo gukorera hamwe bwaboneka muri binyuze mu gushyiraho imiryango nk'iyi.

---

14 ILGA (Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'ababana bahuje ibitsina) ni umuryango uhuza imiryango irenga 1100 y'abanyamuryango, intego yabo ikaba ari ukugera ku burenganzira bungana ku bahuje ibitsina, abalezibiyeni, Ibinyabibibiri n'ababahinduye imiterere yabo karemano). ILGA yashinzwe mu 1978, ikaba ari umuryango ugishwa inama mu nama y'umuryango w'abibumbye ECOSOC. Buri mwaka itangaza raporo ku isi yose hamwe n'ikarita ku mategeko ahana cyangwa arengera abantu hashingiwe ku murongo bafashe ku mibonano mpuzabitsina cyangwa kwemera umubano wabo



Abantu babajijwe batangaza ko bari mu yandi mashyirahamwe akora ku nsanganyamatsiko zijyanye n'ubuzima n'uburenganzira bwa muntu, nka Mission Inclusive pour la Santé et l'Espoir », « Other Sheep Rwanda ", n'ayandi.

Icyambere, ibi bishobora kubonwa nk'ingorabahizi kubera ko badafite umwanya wabugenewe wo guhura mu bwisanzure no kwishyira hamwe, kugirango bamagane ihohoterwa no kuvutswa uburenganzira bahura nabyo bitewe n'imyumvire yabo ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Ariko, uku kutagaragara kubemerera gukora ibikorwa no gushyiraho umwanya wo guhurira hamwe no kwidagadura bitari gushoboka mu bundi buryo

Abandi bantu bavuga ko bifuza kugira uburyo bwose bushoboka bwo kumenya ihuriro ryose, ariko abantu benshi ntibazwi kandi barihisha kubera ubwoba buturuka ku ivangura rinyuranye bahuye naryo. Gusa abantu batinyuka nibo basaba kugaragara mu ruhame : "Ihuriro ryabantu bose bari hamwe ryatuma habaho uruhare rwa buri wese mu guhanga imishinga yaduteza imbere, kandi ishobora no gutuma twemerwa no kwihesha agaciro. Byongeye kandi, batangaza bati : "Kugira ngo tubeho, twifuza gukora imishinga, tukayibyaza inyungu kugira ngo tubashe gukemura ibibazo byacu bya buri munsi kandi amatsinda yacu akemerwa mu rwego rw'amategeko." Abandi bantu barota gukangurira umuryango nyarwanda kwemera itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina ndetse bakanifuza kubona uburenganzira, nk'uburenganzira bwo gushyingirwa."Turasaba ko habaho ubukangurambaga buhoraho kugira ngo twakirwe mu muri sosiyete y'u Rwanda kandi itegeko ryemera ishyingiranwa ryacu rikemezwa."

Umuntu umwe yongeyeho ati : "Nk'uhagarariye umuryango witwa Mission Inclusive, ndakubwira ko twemera abantu bose iyo dukora ibikorwa byacu.


Benshi mu bagize umuryango w'babana bahuje ibitsina bari mu mu muryango wacu, bityo rero, twiyemeje gushyira ahagaragara ibyo dusaba kugira ngo dushyigikire uburenganzira bwabo no kuzamura imibereho yabo.

## IMBWIRWARUHAME ZIHEMBERA URWANGO: ABAZITIZA UMURINDI

Urwikekwe rubi hamwe n'imyumvire irwanya itandukaniro rishingiye ku gitsina byongerwa kandi bigashimangirwa n'ibintu bibiri by'ibanze binyuzwamo amajwi aranguruye, kandi bifite imizi muri sosiyete. Ku ruhande rumwe, uruhare rw'abayobozi b'amadini bafite uruhare runini mu nzego zose uhereye ku mibereho na politiki ndetse. Ku rundi ruhande, 'itangazamakuru riteza imbere urwango rurwanya abantu babana bahuje ibitsina.

Abajijwe niba amakuru ku babana bahuje ibitsina ari ukuri, nkuko bigaragara ku gishushanyo cya 4, 80% by'abantu basubije ko atari ukuri. Aya makuru ni ingenzi cyane, kubera ko agaragaza ko itangazamakuru rigira uruhare mu gukwirakwiza urwikekwe n'imyumvire mibi kuri iri huriro, no mu gukwirakwiza amakuru atari ukuri".

**Ese uko itangazamaluru rifata ababana bahuje ibitsina biraboneye?**



# 08

## AHAZAZA

Ikintu cy'ingenzi muri ubu bushakashatsi, ni amahirwe yo gutanga umusanzu mu kuzamura imibereho y'ababana bahuje ibitsina. Iki gikorwa cya mbere kidufasha kumenya uko u Rwanda rwifashe mu birebana n'ubutandukane ku mibonano mpuzabitsina, ariko kandi ni n'umwanya wo gushyiraho igikoresho cyo guhindura no gutuma bakora ibijyanye n'uburenganzira bwabo


Niyo mpamvu twakusanyirije hamwe ibyifuzo /imyanzuro byatanzwe bigenewe umuryango Nyarwanda:

- Abari mu nama bemeje ko bakeneye ko uburenganzira bwabo bwubahwa no gufatwa nk'abandi baturage bo mu Rwanda : "Ibyiyumvo byacu bigomba kubahwa, kuko ariko twiyumva " Ntabwo ari twe twahisemo kuba gutya. " Ibi nibyo abitabiriye icukumbura bavuga.

- Basabye umuryango nyarwanda kubemera uko bameze.

- Kwishyira hamwe nk'imiryango itari iya Leta igamije iterambere no kurengera uburenganzira bw 'ababana bahuje ibitsina.

- Birakenewe kwinjiza ababana bahuje ibitsina mu mishinga y'abaturage kugirango agaciro bazanira umuryango nyarwanda kagaragare.



# 09

# UMWANZURO MU RWEGO RW'IBITEKEREZO BIHURIWEHO

## KU BIREBA ABABANA BAHUJE IBITSINA:

- Imiterere rusange y’umuryango nyarwanda wanga itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina. Ibintu byose bijyanye n’iyi nsanganyamatsiko bifite ibisobanuro bibi cyane, bibangamira indangagaciro zihariye z'umuco wu Rwanda kandi bikawushyira mu kaga. Niyo mpamvu habaho kwangwa gusangiwe na societe yose y’u Rwanda.

- Niba ari ukuri ko nta gihano giteganijwe cyo kwamagana itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina mu rwego rw’amategeko, nta buryo bwihariye bwo kwemera uburenganzira bungana ku babana bahuje ibitsina, haba mu buryo bwemewe n’amategeko n’imibereho

- Urwikekwe rushingiye ku muco no mu madini rwashinze imizi kandi rugira uruhare runini mu mibereho yose y’igihugu, birema urwego rwo kwangwa burundu ku itandukaniro ku mibonano mpuzabitsina ndetse n’abantu babana bahuje ibitsina, ibyo byose bikaba byongererwa ingufu n’itangazamakuru.

- Ababana bahuje ibitsina igihe bamaze kumenyekana bagira ikibazo cyo gupfobywa no kwangwa mu nzego zose (umuryango, imibereho,

umuryango mugari, ku kazi, nibindi), aho bakorera imishinga yabo y'iterambere. Ibi bibacira gusigara mu kato no mu bwigunge.

- Kutagaragara no kwihisha ni ingamba zo kubaho ababana bahuje ibitsina bashyizeho kugirango babungabunge umutekano n'ubusugire, no guhunga kwangwa n'ivangura. Bagira ubwoba bakigunga kandi ntibishoboka guteza imbere gahunda zabo z'ubuzima. Bababazwa rero no kuba babaho mu buzima bucirirtse.

## KU BIJYANYE NO KWIHA GAHUNDA Y'IMIBEREHO:

- Nta buryo cyangwa inzego z'imibereho byakemura ivangura n'urugomo bikorerwa ababana bahuje ibitsina.

- Nubwo ari ukuri ko nta miryango yo kurengera itandukaniro rishingiye ku mibonano mpuzabitsina iteganijwe, ababana bahuje ibitsina bashobora guhuza imbaraga zabo kandi bakisunga indi miryango rusange ikora mu bijyanye ubuzima n'uburenganzira bwa muntu kugira ngo bakemure ibibazo bijyanye n'ubutandukane bw'imibonano mpuzabitsina

- Twabibutsa ko iyi nsanganyamatsiko itaraganirwaho mu Rwanda.

- Binyuze mu miryango itari iya leta yagize uruhare muri ubu bushakashatsi niho bishoboka gufatanya kubaka imishinga igamije guca burundu imyumvire n'urwikekwe ku babana bahuje ibitsina, mu mashuri, ibitaro, amatorero, n'ibindi.

- Imiryango n'abantu ku giti cyabo bagize uruhare muri ubu bushakashatsi bashobora kwihindura itsinda ryakwifashishwa kugira ngo bagire uruhare mu gukebura sosiyete n'inzego za politiki batitaye ku myumvire yabo ku mibonano mpuzabitsina.

- Ni ngombwa gufungura ibitekerezo n'ibiganiro hamwe n'abayobozi b'imiryango ishingiye ku madini na politiki ku bijyanye n'uburenganzira, uburezi, ubuzima n'ubutabera, kandi hakazamo ingingo nshya zo kubana mu muryango w'u Rwanda no guca burund imitekerereze mibi ikorerwa abantu kubera igitsina cyabo.

# 10

## IBITABO BYIFASHISHIJWE


- Constitution du Rwanda, (2003), avec les modifications jusqu'en 2015.
- ILGA, (2020), Homophobie de l'État Édition actualisée, Actualisation du Panorama Global de la Législation, Genève.
- L. Picq, Manuela, (2020) La colonisation des sexualités indigènes: entre spoliation et résistance, v. 10, n. 1 p. 13-34, Contemporánea, , http://dx.doi.org/10.4322/2316-1329.126
- «L'homosexualité n'est pas la préoccupation du Rwanda », selon le président Paul Kagame - Association STOP HOMOPHOBIE | Information - Prévention - Assistance aux victimes.
- Rubio Llona, Aimar, (2017) Homophobie d'État et diversité sexuelle en Afrique Histoire d'un combat, Institut d'Études sur le Développement et la Coopération Internationale, Cahiers de travail / Lan-Koadernoak ▪ Hegoa, nº 73.
- https://euskalankidetza.hegoa.ehu.eus/es/projects/5192
- https://cidafucm.es/IMG/pdf/ruanda-estado_de_la_nacion_2021.pdf
- Índice Riesgo Climático 2020
- Banque mondiale-Rwanda Country Profile 2021
- https://hmong.es/wiki/LGBT_rights_in_Rwanda
- https://theconversation.com/rwanda-lgbt-rights-are-protected-on-paper-but-discrimination-and-homophobia-persist-182949

# 11

# IMIGEREKA

## UMUGEREKA 1 QUESTIONNAIRE DE L'ENQUÊTE EN LIGNE

**UMWIRONDORO:**

- Imyaka
- Uru mu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina
- Niba aribyo sobanura.

**1.- Ababana bahuje ibitsina babayeho gute mu Rwanda?**
(Urashobora kwerekana ibisubizo bigeze kuri 3).

- Ivangura rirahari cyane.
- Ihuriro ntirizwi kandi ntibazi nihohoterwa abarigize bakorerwa.
- Aba bantu nta burenganzira bafite nk'abandi baturage bo mu Rwanda.
- Bashobora gutanga igitekerezo mu bwisanzure ku ka rubanda.
- Ihuriro ribona ubufasha bw'umuryango, umuryango mugari.
- Ibindi ...

**2.- Waba warigeze gukorerwa ihohoterwa, urugomo cyangwa ivangura kubera kuba umunyamuryango w'ihuriro cyangwa waba uzi umuntu wakorerwe ihohoterwa?** Ushobora kwerekana ibirenze kiwe:

- Umuryango
- Ishuri
- Umuryango mugari
- Ku kazi
- Ku rusengero, mu idini.
- Abapolisi
- ABANDI: ...

**3.- Mu gihe umuntu ahohotewe /akorewe urugomo cyangwa ivangura kubera kuba umunyamuryango ashobora gutwara ikirego kuri polisi?**


-Yego -oya -kubera iki?

**4.- Ese itangazamakuru rifata ababana bahuje ibitsina mu buryo buboneye?**


-Yego -oya -kubera iki?

## UMUGEREKA 2 IBISUBIZO KU BIBAZO BYABAJIJWE HAKORESHEJEWE IKORANABUHANGA


Imyaka





Uri umwe mu bagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina?




Niba ari yego, mwimenyekanisha gute?





Mubana na nde?




Abagize ihuriro ry'ababana bahuje ibitsina babayeho gute mu Rwanda?





Waba warigeze gukorerwa ihohoterwa cyangwa ivangura bitewe no kuba umwe mubagize ihuriro cyangwa se waba uzi uwakorewe ivangura n'ihohoterwa?



Ese uwahohotewe cyangwa wakorewe ivangura ashobora gutanga ikirego cye kuri polisi?




Ese mwemera ko amakuru atangangazwa mu bitangazamkuru ku bantu babana bahuje ibitsina ari ukuri?



## UMUGEREKA 3 IKIGANIRO N'ABAGIZE IHURIRO RY'ABABANA BAHUJE IBITSINA

**UMWIRONDORO**

- Izina
- Imyaka
- Ibindi : Aho aba, niba yaravukiye ahandi, Niba byarabayeb ngombwa ko ava aho yarai atuye akajya kuba ahandi mu gihugu.
- Uko ateye : Igitsina
- Irangamimerere
- Amashuri

**UBUNARARIBONYE BWE:**

**KUBA UMWE MUBABABANA BAHUJE IBITSINA BIVUZE IKI MU RWANDA?**

- Tubwire ibyo waciyemo nk'umwe mu babana bahuje ibitsina.
- Ni ibihe bibazo mwahuye nabyo mu buzima bwanyu bwa buri munsi?
- Muri uru rugendo :
    - Umuryango
    - Inshuti
    - Ishuri
    - Akazi
    - Aho utuye, umuryango mugari
    - Idini/itorero

**KWIGARARAGZA: Ese birashoboka kwigaragaza mu Rwanda?**

- Niba mutagaragara ni gute mubaho ?
- Ni gute mumenya abandi bantu babana bahuje ibitsina ?
- Ese mutekereza ko haba hari urwikekwe cyangwa ivangura mu bantu muturanye ku bantu bemera ubutandukane ku mibonano mpuzabitsina ?
- Nmawe ubwanyu ibyo barabibakorera ?
- Ni gute mwirinda muri ibyo bibazo ? ni izihe ngamba mwafashe kugira ngo muhangane n'iyi mibereho (mwebwe ubwanyu n'abandi muzi)

**IHOHOTERWA/URUGOMO**

- Mwaba mwarigeze gukorerwa urugomo cyangwa ivangura, niba ari yego sobanura uko byari bimeze

**IBIKENEWE**

- Niki ukeneye kugiti cyawe hamwe nabari hafi yawe nk'umuntu wa LGTBI + ?

- Hamwe, ni iki wasaba societe nk'umuntu wa LGTBI +?
- Ni iki kigomba guhinduk guhinduka kugirango ibintu bya LGTBI + abantu bitezimbere mu Rwanda?

**KUBA MU IHURIRO**

- Hari amahururo y'ababana bahuje ibitsina ahari mu Rwanda?
- Uri umwe mu bagize ihuriro ?
- Niba ari yego mukora iki, intego zanyu ni izihe, mukorana na nde ?
- Ni izihe mpamvu mwishyize hamwe ?
- Ni iyihe mpamvu yatumye mwinjira mu ihuriro
- Kuba umwe mu babana bahuje ibitsina mu Rwanda bivuze iki?
    - Byabunguye iki ?
    - Imbogamizi
- Ivangura mu ihuriro nyirizina
- Imbogamizi zo mu buzima bwo kwishyira hamwe
- Ni ukuhe kuri guhari mu buzima bwo kwishyira hamwe muri iki gihe
- Ni ibihe bintu mukeneye ? Muvuge nka 2 cyangwa 3 2 ou 3
- Muhanagana gute n'ihohoterwa ribakorerwa ?
- Urubuga n'imibanire hagati y 'amahururiro y'ababana bahuje ibitsina:
    - Ese birashoboka gushyiraho urubuga ku kazi?
    - Ni izihe mbuga zihari kandi zikora gute?
- Imibanire n'indi miryango y'imibereho y'abaturage: Mubanye gute n'imiryango itari iya Leta, imiryango y'abaharanira uburenganzira bw'abagore...

## UMUGEREKA 4 — IKIGANIRO N'ABANTU BATARI ABO MU IHURIRO

**KWIBWIRANA**

- IZINA
- IMYAKA
- IBINDI: Aho umuntu aba, umwuga we, amashuri yize
- Aho ahuriye n'ihuririo ry'ababana bahuje ibitgsina, Sobanura
- Uko abayeho: umuryango, akazi, impirimbanyi, ibindi (bivuge).

**UKO ABABANA BAHUJE IBITSINA BABAYEHO MU RWANDA**

- Ni ukuhe kuri guhari ku babana n'abahuje ibitsina mu Rwanda? Ishusho rusange
- Utekereza ko ari ibihe bibazo nyamukuru aba bantu bahura nabyo mu buzima bwabo bwa buri munsi?
- Ni uruhe rwikekwe rubaho muri sosiyete ku bantu babana bahuje ibitsina?
    - Amategeko
    - Politiki
    - Itangazamakuru
    - Iyobokamana
    - Umuryango: urwikekwe rukorerwa ihuriro, ni iyihe shusho ihari kurin iri huriro?
- Ese Ibi byaba byarateye urugomo n'ihohotera ryinshi ku babana bahuje ibitsina?
- Waba uzi ikibazo cy'ihohoterwa na / cyangwa ivangura rikorerwa ababan bahuje ibitsina?
- Niba ari yego, mubisobanure.

**MWEBWE MUBONA HAKORWA IKI NGO IMIBEREHO Y'ABABANA BAHUJE IBITGSINA IZAMUKE MU RWANDA?**

## UMUGEREKA 5 — IKIGANIRO N'ABANTU BAKOMOKA MU MIRYANGO CYANGWA IBIGO

**KWIBWIRANA**

- Izina
- Imyaka
- IBINDI: aho umuntu aba, umwuga we, urwego rw'amashuri
- Niba ari uwo mu muryango runaka: Ni uwuhe. Sobanura muri make umuryango wawe. (Ubwoko bw'umuryango, ibyo wibandaho).
- Isano afitanye n'ababana bahuje ibitina, sobanura
- IKIBAHUJE: umwuga, ibikorwa byimibereho, n'ibindi.
- Kuki atekereza ko ari ngombwa huharanira uburenganzira bw'ababana bahuje ibitsina?

**UKO ABABANA BAHUJE IBITSINA BABAYEHO MU RWANDA**

- Ni ukuhe kuri guhari ku babana n'abahuje ibitsina mu Rwanda? Ishusho rusange
- Utekereza ko ari ibihe bibazo nyamukuru aba bantu bahura nabyo mu buzima bwabo bwa buri munsi?
- Ni uruhe rwikekwe rubaho muri sosiyete ku bantu babana bahuje ibitsina?
    - * Amategeko
    - * Politiki
    - * Itangazamakuru
    - * Iyobokamana
    - * Umuryango: urwikekwe rukorerwa ihuriro, ni iyihe shusho ihari kurin iri huriro?
    - * Ese Ibi byaba byarateye urugomo n'ihohotera ryinshi ku babana bahuje ibitsina?
- ¿Waba uzi ikibazo cy'ihohoterwa na / cyangwa ivangura rikorerwa ababan bahuje ibitsina? Niba ari yego, mubisobanure?

**MWEBWE MUBONA HAKORWA IKI NGO IMIBEREHO Y'ABABANA BAHUJE IBITGSINA IZAMUKE MU RWANDA?**

**NI GUTE TWAKORA IBIKORWA BISHYIGIKIRA ABABANA BAHUJE IBITSINA MU RWANDA?**

## UMUGEREKA 6 IBIBAZO BY'UMWIHARIKO BITEWE N'IBYO TUZI KU MUNTU CYANGWA KU KIGO RUNAKA

Ikitonderwa: Birashoboka kubaza ibindi bibazo byihariye. Urugero:

**ITORERO:**

- Amadini n'amatorero ahagaze gute ku bantu babana bahuje ibitsina?
- Ese mu Rwanda hari urwikekwe rushingiye ku idini? uruhe?

**POLISI:**

- Urwego rwa polisi ruhagaze he, ibisubizo byabo ni ibihe ku bantu babana bahuje ibitsina?
- Ese umuntu wakorewe urugomo ashobora kujya gutanga ikirego cye kuri polisi, Haba hari abapolisi barinda ababana bahuje ibitsina iyo bahohotewe?
- Haba hari uburyo polisi itabaramo ?
- Ku bwawe, ni ibihe bikorwa urwego rwa polisi rwakora ku bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa abantu babana bahuje ibitsina mu Rwanda?

**UBUZIMA:**

- Haba hari ivangura rikorwa mu gihe cyo kwita ku bantu rikorerwa ababana bahuje ibitsina. Hari uwo waba uzi warikorewe ?
- Hari umuntu waba uzi wahuye n'ikibazo cyo kutakirwa kimwe n'abandi kubera ko ari umwe mu bababana bahuje ibitsina cyangwa kubera ko afite ubwandu bw'agagkoko gatera SIDA?

**UBUREZI:**

- Ese insangamatsiko ku butandukane bw'imibonano mpuzabitsina ijya iganirwaho mu rwego rw'uburezi?

**UBUTABERA**

- Ese Ihohoterwa cyangwa urugomo bikorerwa ababana bahuje ibitsina birakurikiranwa mu nkiko?

